URUKIKO RW'IBANZE RWA

GASABO

Email: tbgasabo@gmail.com

IMENYESHA RY'ICA RY'URUBANZA RC 00640/2020/TB/GSBO MU BURYO BW'IMENYESHARUHAME

Umwaka w'Ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri, umunsi wa Cumi w' ukwezi k'Ugushyingo

Njyewe Uwingabire Marie Claire Umwanditsi w'urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ndi ku rukiko aho rukorera mu kagari ka Kibagabaga mu murenge wa Kimironko Akarere ka Gasabo mu mujyi wa Kigali.

Nshingiye ku ngingo ya 148 (3), 46 z'itegeko N0 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Menyesheje : MUKAKIBERWA Seraphine mwene GITAMBARO na NUMUKOBWA , Ubu akaba abarizwa hatazwi

Mumenyesheje mu buryo bw'Imenyesharuhame Imikirize y'urubanza rw'ubutane RC 00640/2020/TB/GSBO Yarezwemo ku wa 19/08/2020 na NSENGIYUMVA Daniel mwene KAGUBARI Yousouf na MUSINGWAMANA Speciose utuye mu Mudugudu wa Akabare I, Akagari ka Rwimishinya, Umurenge wa Rukara, Akarere ka Kayonza, Intara y'iburasirazuba, TEL +250788259477, e-mail nsengadaniel2019@gmail.com.

Urubanza rukaba rwaraburanishijwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ku wa 29/07/2022 MUKAKIBERWA Seraphine adahari;

rucibwa kuwa 30/08/2022 ku buryo bukurikira:

RWEMEYE kwakira ikirego cyatanzwe na NSENGIYUMVA Daniel rugisuzumye rusanga gifite ishingiro.

RWEMEJE ko NSENGIYUMVA Daniel na MUKAKIBERWA Seraphine bashyingiranywe kuwa 25/08/1998 muri Rukara, batandukanye burundu.

RUTEGETSE ko abana NSENGIYUMVA Daniel na MUKAKIBERWA Seraphine babyaranye ko bakomeza kurerwa na NSENGIYUMVA Daniel.

RWEMEJE ko NSENGIYUMVA Daniel nta mtungu bafitanye.

RUTEGETSE ko imikirize y'uru rubanza imenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho ishyingirwa ryabereye n'uw'aho abashyingiranywe batuye bikozwe n'abashyingiranywe ubwabo bitashoboka bigakorwa n'undi muntu wese ubifitemo inyungu, kugirango iyi mikirize yandikwe mu bitabo by'irangamimerere byabugenewe.

RUTEGETSE ko amagarama yatanzwe hinjizwa iki kirego ahwanye n'ibyakozwe muri uru rubanza.

RWIBUKIJE uwifuza kujuririra uru rubanza ko bikorwa mu gihe cy'ukwezi kumwe kuva italiki rwasomeweho.

UMENYESHEJWE: MUKAKIBERWA Seraphine

UMUMENYESHEJE MU BURYO BW'IMENYESHARUHAME

(Izina, Umurimo akora,umukono na kashe)

UMWANDITSI W'URUKIKO

Uwingabire Marie Claire